

IMYANZURO Y'INTEKO RUSANGE YA XXII YA RALGA YATERANYE KUWA 23/6/2017 KURI MARRIOT HOTEL KIGALI

Kuwa 23 Kamena 2017 mu cyumba cy'inama cya Hoteli Marriot i Kigali hateraniye inama y'Inteko Rusange ya 22 y'Isyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA), iyobowe na Cllr UWIMANA Innocent, Umuyobozi wa RALGA. Insanganyamatsiko nyamukuru yibanzweho mu nama ni: "Kongerera ubushobozi Inzego z'ibanze hashimangirwa ihame ryo gutanga serivisi inoze (Strengthening Local Government Authorities for Effective Service Delivery)".

Iyo nama yitabiriwe n'Abanyamuryango ba RALGA ndetse n'abahagarariye Inzego zikorana na RALGA.

Inama y'Inteko rusange yemeje ingingo zari ku murongo w'ibyigwa arizo:

1. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro y'inama y'Inteko Rusange yo kuwa 14/5/2016
2. Kugezwaho ibyavuye mu bushakashatsi ku bitekerezo by'abanyamuryango kuri serivisi bahabwa na RALGA 2016 (Member perception survey 2016)
3. Raporo y' ibikorwa n'imikoreshereze y'ingengo y'imari mu mwaka wa 2016-2017
4. Raporo ya Komite Ngenzuzi
5. Gahunda y'Ibikorwa n'Ingengo y'Imari 2017-2018
6. Ikiganiro kuri gahunda zo kongerera ubushobozi Inzego z'ibanze na serivisi za LGI.

Nyuma yo kuganira ku ngingo zose zari ku murongo w'ibyigwa, inama y'Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira:


1. Inteko Rusange ya RALGA yemeje Inyandikomvugo y'Inama y'Inteko Rusange yo kuwa 14 Gicurasi 2016 inashimira ibyakozwe mu gushyira mu bikorwa imyanzuro yayo;
2. Inteko Rusange ya RALGA yashimiye Komite Nyobozi ndetse n'Inzego bafatanyije kubera ubwitange bagaragaza mu kuzuzanya neza Inshingano batorewe no guteza imbere Ishyirahamwe RALGA;
3. Inteko Rusange yemeje raporo y'Ibikorwa na raporo y'Imikoreshereze y'Imari ya RALGA 2016-2017;
4. Inteko Rusange ya RALGA yemeje gahunda y' ibikorwa n' ingengo y' imari ya 2017-2018 imaze kuyitangaho ibitekerezo;
5. Inteko Rusange yemeje raporo ya Komite Ngenzuzi inasaba ko ibyasabwe gukosorwa byihutishwa;
6. Inteko Rusange yasabye abanyamuryango bayo bataritabira gukorana na ASSETIP mu rwego rwo guteza imbere imicungire myiza y'umutungo wa Leta mu bijyanye n'imishinga y'ibikorwa remezo inakangurira kandi abamaze gutangira gukorana nayo kujya bishyurira igihe serivisi bahabwa n'iki kigo;
7. Inteko rusange yemeje ko inyandikomvugo y'Inteko Rusange za RALGA izajya ishyirwa kuri "website" ya RALGA nyuma y'inama kugira ngo byorohere abanyamuryango bose kuyigeraho bityo bakabasha gukurikirana uburyo ishyirwa mu bikorwa;
8. Inteko Rusange ya RALGA yemeje ko amakuru ku bayobozi b'Inzego z' Ibanze bahabwa ishimwe (certificate of merit) na RALGA kubera akazi keza bakoreye Igihugu n'Inzego

z'Ibanze by'umwihariko bazajya bagaragazwa kuri "website" ya RALGA kugira ngo abakeneye kubagisha inama zibafasha mu kuzuza neza inshingano zabo babashe kubona amakuru aberekeyeho ndetse no kubiyambaza igihe bibaye ngombwa;

9. Inteko rusange ya RALGA yasabye RALGA kunonosora umushinga wo gutangiza "Alumni" y'abahoze ari abanyamuryango hanarebwa uko bakomeza gutanga umusanzu wabo mu kubaka igihugu nyuma yo gusozza inshingano zabo mu Nzego z'Ibanze;
10. Inteko Rusange ya RALGA yemeje ko mu rwego rwo gushimangira "ownership" no gushyigikira ibikorwa bya RALGA abanyamuryango bazajya batanga umusanzu wemejwe bitarenze amezi ane (bitarenze ukwezi kw'Ukwakira) nyuma y'itangira rya buri mwaka w'ingengo y' imari kandi ko izi mpinduka zihita zishyirwa mu mategeko nengamikorere ya RALGA;
11. Inteko rusange ya RALGA yasabye RALGA gukomeza ubuvugizi ku nzego bireba bugamije kongerera ubushobozi urwego rw'Akagari mu gutanga serivisi zijyanye no kunoza ibyiciro by'ubudehe ndetse n'ibijyanye n'itangwa ry' umusanzu w'ubwisungane mu kwivuzza;
12. Inteko Rusange yemeje imyanzuro y'inama yayo isaba ko Inzego bireba zose ziyishyira mu bikorwa.


Bikorewe i Kigali, Kuwa 23/6/2017

Byateguwe na:


Egide RUGAMBA
Umunyamabanga Mukuru



Byemejwe na:


Cllr Innocent UWIMANA
Umuyobozi wa RALGA